Apl 8.2 Norbert

IBIBAZO BYEMEJWE GUSHYIKILIZWA PEREZIDA WA REPUBLIKA KU BYEREKEYE IMITUNGANYILIZE Y'IMITERERE N'IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

A. Ibyerekeye imiterere y'ubutegetsi.

I. Gusaranganya ububasha mu nzego zose z'ubutegetsi (décentralisation et délégation du pouvoir) ku buryo bwakorohereza inzego zo hejuru imilimo, ikarushaho gukorwa neza kandi byihutiwe.

- Kuba ibibazo byose bigomba gukemurwa n'abayobozi b' inzego zo hejuru ubwabo bituma abo bategetsi bakuru bagira akazi kenshi cyane, ntibabone igihe gihagije cyo kwibanda ku bibazo bikomeye, kandi bigatinza n'ibyo abafasha babo bashoboraga gutangira ibisubizo nyabyo.
Bigatuma kandi inzego zo hasi zidashishikalira kurangiza ibibazo zitwaza ko byose biteze gukemurwa n'inzego zo hejuru.

Kugirango abategetsi bakuru babone igihe cyo kwita ku madosiye akomeye ibibazo bisuzumwe neza kandi vuba kuli buli rwego, birakwiye ko:

1. Inzego zishingiye cyane kuli politiki n'izibanda kuli tekiniki byavangurwa ku buryo bugaragaza neza aho abashinzwe politiki bagomba kugarukira, ntibazingitirane impuguke, bityo abakora ibya tekiniki bagashobora kugaragaza ubushobozi bwabo batishisha.

2. Birakwiye gushyigikira no kubahiliza ububasha bwabashinzwe buli rwego mu butegetsi bigatuma bafata ibyemezo bitunganya akazi bikanihutisha amadosiye, bakanakoresha abo bayobora badasuzugurwa na bamwe muli bo bitwaza ikimenyane cyangwa icyenewabo bafitanye n'abategetsi bakuru.
Bityo ushinzwe kurangiza ibibazo akumva ko afite uruhare runini mu byemezo byafatiwe mu rwego ayobora. (Responsabilité)

3. Kugirango ibibazo bivutse muli Prefegitura byoye kugomba byose guhuruza abategetsi bo mu nzego nkuru za Leta, za Ministeri n'Ibigo bya Leta byibandaku gutegura imishinga, amategeko, amabwiliza no kugenzura uko bikulikizwa, nonaho ubutegetsi bwo muli Prefegitura bukegulirwa gukoresha iby'inzego zose z'imilimo zagennye.

.../...

4. Imihindulire ya Organigramu.

a) Biragaragara ko uburyo za Organigramu ziteye wbungubu bituma hali inzego zimwe z'ubutegetsi zikora ibintu bimwe cyangwa zikagonganira mu bindi; birakwiye gusubira muli za Organigramu imilimo ya buli rwego ikagaragara kurushaho bityo Leta ntikomeze gutagaguza ingufu n'umutungo byayo (dispersion d'énergies et de moyens).

b) Organi ramu za Ministeri si ngombwa ko zatera kimwe zose kandi zidahuje imilimo, birakwiye ko Organigramu zahinduka inzego zimwe Ministeri idakeneye ntiziyibemo.

5. Kubera ko uburere n'umuco ali ishingiro lya byose mu miberehomyiza y'Igihugu, kandi ubu imyifatire mibi ya benshi mu rubyiruko na bamwe mu bakuru batanga urugero rubi ikarushaho guhangayikisha ababyeyi n'abategetsi, bakwiye gushaka ubulyo uburere bwarushaho kumvikana neza kandi bugahagurukirwa. Cyane mu nzego zishinzwe kwigisha, abalimu bakwiye kubumvisha ko batakwita ku bumenyi gusa, ahubwo bakanahagurukira gutunganya uburere bw'abo bashinzwe.
Ndetse Ministeri ishinzwe amashuli yigamo abali mu kigero bakeneye uburere ikwiye kwitwa "Ministeri y'Uburezi" kugirango urwo ruhare rwo kurera rusobanuke neza.

II. Ubutegetsi bwa Prefegitura na Komini.

a) Prefegitura.

Prefegitura zikwiye kubona ubuzima gatozi, noneho zikagira ingengo y'imali yihaliye. Zigashingwa Abayobozi bafite amashuli ahanitse (Licence) kandi buli buyobozi bw'imilimo (les chefs de service ) bugahabwa abantu bafite amashuli makuru nibura impamyabushobozi y'icyiciro cya mbere cy'amashuli makuru.
Ibyo byatuma imilimo irangiza neza kandi vuba na Prefegitura, imilimo yose ikitabwaho kimwe n'Abayobozi bayo bagafatwa kimwe.

b) Komini.

1. Kubera ko Komini aliyo shingiro y'Amajyambere ikwiye gushingwa Abayobozi bafite byibura impamyabushobozi y'icyiciro cya mbere cy'amashuli makuru bagafashwa n'abayobozi b'imilimo bafite nibura impamyabushobozi y'amashuli yisumbuye buli wese mu byo ashinzwe.

.../...

2. Abakuru b'imilimo muli Komini, ubungubu bakwiye bose guhembwa na Leta ntihagire imilimo idindizwa no kutumva akamaro kayo mu majyambere y'Igihugu ngo bayime abayobozi bitwaza ubukene bw'amakomini.

c) Kugirango icyo kibazo cy'imilimo n'abakozi mu nzego za Komini na Prefegitura kibonerwe umuti, byaba byiza gufata abakozi bo mu nzego zo hagati muli za Ministeri bagasaranganywa mu nzego za Komini na Prefegitura zitagira impuguke.

d) Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative hali ikibazo yihaliye: abakozi bashinzwe urubyiruko n'amakoperative ntibafite ubushobozi buhagije, ikindi abenshi ntibahembwa, ndetse bakanabakuraho, kubera umutungo muke w'amakomini. Dukulikije ko icyo kibazo cy'urubyiruko ali kimwe mu by'ingenzi Leta yitayeho muli iki gihe, turasaba ko hashyirwaho no muli Komini abakozi barushinzwe bashoboye kandi bagahembwa na Leta.

- Ikindi abashinzwe ibibazo by'urubyiruko muli Prefegitura no muli Komini bakwiye guhabwa ibyangombwa kugirango barusheho gutunganya ahali bagafatwa nka bagenzi babo bahagaraliye izindi Ministeri, bakagira aho bakorera n'ubulyo bwo kugera aho akazi kabahamagara hose.

B. <u>Ibyerekeye imikorere y'akazi n'abakozi</u>.

1. Kuzamuka mu ntera bikwiye guturuka ku bushobozi bushingiye ku bumenyi burangwa n'amashuli yungilijwe n'igihe umuntu amaze mu kazi.

2. Gushyirwa ku milimo yindi yisumbuye bikwiye gukorwa hakulikijwe amategeko kuva ubu Igihugu kimaze kugira impuguke zihagije ntihagire uba Diregiteri Jenerali cyangwa Diregiteri akiva mw'ishuli.

3. Gushyira abakozi mu nzego nkuru z'Igihugu no kubakuraho bikwiye kwihutishwa kandi bigakorwa mu ibanga lihagije.

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-==